Republic of Rwanda

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA




# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NYAKANGA 2026

**10 KANAMA 2026**

*NISR © 2026 Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda. Byatangiwe uburenganzira bwa CC BY 4.0*

*Agasanduku k'iposita: 6139 Kigali, Rwanda*

*Tel: +250 788 383103*

*Imeyili: info@statistics.gov.rw*

*Urubuga: www.statistics.gov.rw*

*Uburyo bwo kubyifashisha mu nyandiko:*

*Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR), Igipimo Cy'ihindagurika Ry'ibiciro (CPI), 2026.*

# 1 IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NYAKANGA 2026

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2026. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## 1.1.Ibiciro mu mijyi

Muri Nyakanga 2026, ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 14,5% ugereranyije na Nyakanga 2025. Muri Kamena 2026 byari byiyongereyeho 13,6%.

Muri Nyakanga 2026, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 13,1%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 9,8%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 21%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 24,2% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 14,2%.

Ugereranyije Nyakanga 2026 na Kamena 2026, ibiciro byiyongereyeho 0,9%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 1,3%.

Ugereranyije Nyakanga 2026 na Nyakanga 2025, ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byiyongereyeho 11,4%.

## 1.2. Ibiciro mu byaro

Muri Nyakanga 2026, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 13,3% ugereranyije na Nyakanga 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2026 byari byiyongereyeho 12,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Nyakanga 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 12,3%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 11,5%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 20,1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 38,8%.

Ugereranyije Nyakanga 2026 na Kamena 2026, ibiciro byagabanutseho 0,2%. Iri gabanuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byagabanutseho 3,6%.

## 1.3. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Nyakanga 2026, ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 13,8% ugereranyije na Nyakanga 2025. Ibiciro mu kwezi kwa Kamena 2026 byari byiyongereyeho 12,7%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Nyakanga 2026 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 12,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 11%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 20,5%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 27,5% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 12,8%.

Ugereranyije Nyakanga 2026 na Kamena 2026, ibiciro byiyongereyeho 0,3%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 0,7%.

***Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nyakanga 2025 kugeza muri Nyakanga 2026.***

| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize ndetse n'ukwezi kwakubanjirije | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 2025 | | | | | | 2026 | | | | | | |
| | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 |
| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku mwaka | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 7,3 | 7,1 | 7,3 | 7,1 | 7,2 | 8,0 | 8,9 | 9,2 | 9,2 | 13,0 | 12,9 | 13,6 | 14,5 |
| Mu byaro | 7,0 | 5,9 | 5,5 | 3,8 | 2,0 | 3,3 | 6,5 | 7,0 | 6,7 | 10,6 | 11,8 | 12,1 | 13,3 |
| Mu Rwanda | 7,2 | 6,4 | 6,2 | 5,1 | 4,1 | 5,2 | 7,5 | 7,9 | 7,7 | 11,5 | 12,3 | 12,7 | 13,8 |
| Ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ku kwezi | | | | | | | | | | | | | |
| Mu mijyi | 0,1 | 0,7 | 1,4 | 1,3 | 0,2 | 0,0 | 1,3 | 0,9 | 1,3 | 4,7 | 0,5 | 0,4 | 0,9 |
| Mu byaro | -1,1 | 0,7 | 1,2 | 0,8 | -0,3 | -0,9 | 0,1 | 1,4 | 1,9 | 6,8 | 0,7 | 0,4 | -0,2 |
| Mu Rwanda | -0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,0 | -0,1 | -0,6 | 0,6 | 1,2 | 1,7 | 5,9 | 0,6 | 0,4 | 0,3 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

+250 788 38 3103 www.statistics.gov.rw info@statistics.gov.rw